TARIKI 23 NA 24 GICURASI HABAYE INAMA IHUZA ABASASERIDOTI BA DIYOSEZI YA NYUNDO N'UMWEPISKOPI WABO

Tariki ya 23 na 24 Gicurasi 2018, habaye Inama ya Presbyterium ihuza abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo n'Umwepiskopi wabo kuri Centre Pastoral Saint Jean Paul II. Inama yatangiye i saa tatu za mugitondo, itangizwa n'isengesho na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Iyi nama yibanze cyane ku mwaka w'ubwiyunge. Ni mu gihe Abepiskopi gatolika batangaje kuzirikana ku mwaka udasanzwe w'ubwiyunge muri Kiliziya gatolika mu Rwanda hose. Umunsi wa mbere wibanze ku gutanga ibyaganiriweho muri za Doyennés, hakurikijwe ibaruwa Umwepiskopi yari yarandikiye abapadiri aho bakorera ubutumwa muri za Doyennés. Aho yabasabaga kwerekana ibikorwa kugeza ubu; ibyo twakora bindi; ibyaba umwihariko w'Abasaseridoti ubwabo n'ibyo bakorana n'abandi bihayimana. Umwepiskopi yari yasabye ko abapadiri bazabireba mu bice byose ibaruwa y'Abepiskopi yibukije:

►Ibyafasha umuntu kwiyunga nawe ubwe no kwiyunga n'Imana, nko guteganya imyiherero iha abantu umwanya uhagije bamaze kubitegurirwa, célébrationss pénitentielles, gushengerera etc.

►Umuntu n'abandi, abo mu rugo, muri C.E.B.

►Umuntu n'amateka,

►Umuntu n'ibidukikije etc.

►Umupadiri we bwite, umupadiri na bagenzi be babana, umupadiri n'abandi ashyikirana nabo.

Nyiricyubahiro Musenyeri atangiza inama, nyuma y’isengesho yakomeje yifuriza ikaze buri wese. Yibutsa ibyo twavuzeho ubushize, akomeza atanga na gahunda izakurikizwa muri iyo nama.

Umunsi wa kabiri tariki 24 Gicursi 2018, inama yashojwe n'Igitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Nyiricyubahiro Museneri i saa saba z'amanywa, nyuma y'amatangazo no kongera kwibutsa bimwe na bimwe bireba Abasaseridoti by'umwihariko. Nyuma ya Missa hakurikiyeho gusangirira hamwe no gutaha.

Padiri Jean Marie KWIZERA